UBUTUMWA BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IYOGEZABATUMWA RY'ABANA
Bana, namwe Yezu arabatuma
Ku wa 17 Gashyantare 2019

INTANGIRIRO

Bana dukunda, mumaze kumenyera ko icyumweru cya gatatu cy'ukwezi kwa Gashyantare, Kiliziya Gatolika yo mu Rwanda yagihariye kuzirikana no kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa ry'Abana. Ni igihe Kiliziya ibonye cyo gushishikaza ibyiciro binyuranye by'abana n'ababarera ngo bagire uruhare mu butumwa bwa Kiliziya bwo kwamamaza Kristu kugera ku mpera z'isi. Iyo ni inshingano Kristu yahaye abamwemera bose : « Nuko rero nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose. Dore kandi ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira » (Mt 28,19-20).
Uyu mwaka, uwo munsi uzizihizwa ku Cyumweru tariki ya 17 Gashyantare 2019. Nyirubutungane Papa Fransisko yatangaje ko ukwezi k'Ukwakira 2019 kuzaba ***ukwezi kudasanzwe kw'Iyogezabutumwa (****reba Ibaruwa ya Papa Fransisko yo kuzirikana ku myaka ijana y'ibaruwa ya gishumba « Maximum illud »****).*** Niyo mpamvu Ubutumwa twabageneye bufite insanganyamatsiko igira iti « **Bana, namwe Yezu arabatuma**». Yezu Kristu inshuti y'abana, we washinze Kiliziya ntiyigera na rimwe aheza abana. Muri ubwo butumwa abana basoza muri Kiliziya bakeneye kuyoborwa n'abakuru bababoneye izuba nk'uko nawe mu buzima bwe nk'umwana w'Imana wigize umuntu yakuze agendeye ku rugero rwiza rw'ababyeyi be Bikira Mariya na Yozefu: «Nuko ajyana nabo i Nazareti, agahora abumvira (…) » (Lk 2,51).

Bana rero, muri ubu butumwa turabashishikariza kwishimira ubucuti mufitanye na Yezu, mumubera intumwa muri Kiliziya, mugendera ku ngero nziza z'abo mubana, kandi byose mukabikorana ibyishimo.

A. YEZU KRISTU INSHUTI Y'ABANA

2. Bana bacu, Ibyanditswe bitagatifu bitwereka ko abana bafite umwanya ukomeye mu mutima w'Imana. Mu Isezerano rya Kera tuzirikana ko Imana Data ariyo yahaye umugabo n'umugore inshingano yo kubyara no kurera: « Imana ibaha umugisha irababwira iti 'nimwororoke, mugwire, mukwire isi yose (…)'» (Intg 1, 28). Imana ihora yishimiye ko abana babaho kandi bagakura, ikabarinda icyahungabanya ubuzima bwabo. Igaharanira ko ubuzima bwabo bubungabungwa.

Ubwo umukurambere Aburahamu yakekaga ko gutanga umwana we w'ikinege Izaki aribwo buryo bukwiye bwo kumvira Imana, Yo ubwayo yagaragaje ko umwana akwiye kurengerwa : « Nuko Abrahamu abangura ukuboko, afata icyuma ngo atambe umwana we. Ubwo Malayika w'Uhoraho amuhamagarira mu ijuru ati 'Abrahamu, Abrahamu (…), ntukoze ukuboko kuri uwo mwana!'» (Intg 22, 11-12). Imana irengera abana ni yo yarinze Yozefu mwene Yakobo ngo azabere ikiramiro umuryango we (Reba intg 38). Imana yarinze Musa akiri uruhinja kugira ngo azakure Abayisiraheri mu bucakara reba Iyim 2). Dawudi yamutoye akiri umwana kugira ngo azabe umwami wa Isiraheri (Reba 1 Sam 16). Yeremiya Imana yamutoye akiri mu nda ya nyina ngo azabe umuhanuzi: « Nuko Uhoraho arambwira ati wivuga ngo ndacyari muto, kuko aho nkohereza hose uzajyayo, kandi n'ibyo ngutuma byose, ukazabivuga. Ntugire umuntu utinya, humura turi kumwe, ndagutabara. » (Yer 1, 7-8).

3. Bana dukunda, mu Isezerano rishya, Yezu Kristu agaragaza ko abana ari beza kandi bafite umwanya wihariye mu ngoma ye: « Ahamagara umwana muto, amushyira hagati yabo, nuko aravuga ati 'Ndababwira ukuri nimudahinduka ngo mumere nk'abana, ntabwo muzinjira mu ngoma y'ijuru . Uwicisha bugufi nk'umwana, uwo ni we usumba abandi mu ngoma y'ijuru. Uwakira neza umwana nk'uyu ari jye agirira, ni jye aba yakiriye'» (Mt 18,2-5).
Yezu ukunda abantu bose byahebuje, mu buzima bwe bwo ku isi ntiyigeze na rimwe yirengagiza imibereho y'abato kuko nawe yamenye ubuzima bahura nabwo haba mu byishimo no mu magorwa. Yavukiye mu buzima buciye bugufi ubwo avukiye I Beterehemu mu kiraro cy'amatungo! (Reba Lk 2). Yabanye n'ababyeyi be mu buhungiro mu gihugu cya Misiri akiri uruhinja (Reba Mt 2). Yezu ku kigero cy'imyaka cumi n'ibiri yari amaze gusobanukirwa n'umuhamagaro we kandi akawishimira (reba Lk 2,41-52).

Urugero rw'imibereho ya Yezu nk'umwana muto nirwo rwamurikiye abana dusanga mu mateka ya Kiliziya bashyizwe no mu batagagatifu. Twavuga nka Mutagatifu Mariya Goreti wapfuye amaze imyaka 12 gusa, akemera kwicwa arengera ubusugi bwe aho guhemukira Imana; Mutagatifu Kizito yahowe Imana mu gihugu cya Uganda afite imyaka 14, yemeye kwicwa aho guhakana Imana! Mutagatifu Dominiko Saviyo nawe ku kigero cy'Imyaka 15 yakoze ibikorwa byatumye ashyirwa mu batagatifu ba Kiliziya; yakundaga isengesho, agakunda abarwayi kandi agahorana inyota y'ubutagatifu ku buryo yakundaga gusenga agira ati: «Yezu na Mariya mumbere inshuti mbakunde, nzapfe aho gukora icyaha! »

B. ABANA BAHABWA UBUTUMWA MURI KILIZIYA

4. Bana bacu, urukundo Yezu abakunda, muhamagariwe kurwakira mwemera kuba intumwa muri Kiliziya ye kuko ibereyeho gukomeza ubutumwa bwe bwo gukiza isi .Ibyo muzabigeraho mbere na mbere mwitoza hakiri kare gukunda ibyo Kiliziya yemera kandi yigisha. Mukunde gutega amatwi ijambo ry'Imana, mukunde gusenga aho muri hose, mwitabire inyigisho za Kiliziya zibategurira kuzahabwa amasakaramentu igihe gikwiye kandi murangwe no kwitoza imigenzo mbonezamana na mboneza-bupfura. Imigenzo mbonezamana ni urukundo, ukwemera n'ukwizera; naho imigenzo mboneza-bupfura ni ubutwari, ubwitonzi, kwiziga n'indi myitwarire ituma mwirinda guhemukira Imana, abantu n'ibidukikije. Nimuharanira kwitoza ibi byose bizababera isoko idakama yo gukura muri inyangamugayo kandi musobakirwe neza n'agaciro ku ubuzima bubereyeho gushyira imbere ugushaka kw'Imana.

Ibi bizatuma kuri mwe Yezu ahabwa umwanya wa mbere mu ubuzima bwanyu maze bibafashe gutsinda ibibashuka n'ibibayobya bibata-ndukanya n'urukundo rwa Kristu: « Ni iki cyadutandukanya n'urukundo rwa Kristu? Ibyago se, agahinda se, ibitotezo se, imitego se, cyangwa inkota? (…). Nyamara muri ibyo byose tugatsinda kakahava, tubikesha uwadukunze » (Rom 8,35-38).

5. Bana dukunda, ubu muribaza muti Yezu Kristu aradutuma he, aradutuma iki? Yezu Kristu arabatuma iwanyu mu rugo ngo mwubahe kandi mwumvire ababyeyi, mubane neza n'abavandimwe, mwakire neza abaza babagana nta vangura, mwirinde ubunebwe, murangwe n'isuku, mufatanye n'abandi mwirinda kuba ba nyamwigendaho. Yezu arabatuma mu muryango mugari ngo mubanire neza abaturanyi n'abo muhuye bose, mufashe abanyantege nke, mwitabire gahunda rusange zigamije kubaka igihugu. Yezu Kristu arabatuma kandi ku ishuri aho mwiga ngo mwigane umwete mwirinda guta ishuri, mwumvire abarezi kandi mubanire neza bagenzi banyu mubaha urugero rwa gikristu. Yezu Kristu arabatuma muri paruwasi zanyu, santarari ndetse n'imiryango remezo ngo mugire uruhare mu bikorwa bya Liturujiya mube abahereza, mujye mu makorari y'abana, mwitabire imiryango y'agisiyo gatorika n'amakoraniro y'abasenga abarizwamo abana n'andi amatsinda y'abana. Kugira uruhare mu bikorwa nk'ibi bizabafasha gukura neza mu gihagararo, mu bumenyi, mu mico myiza no mu bwenge nkuko byaranze umwana Yezu: « Uko Yezu yakuraga, niko yungukaga ubwenge n'igihagararo, anyura Imana n'abantu." (LK 2,52).

C. ABANA BAKENEYE GUSHYIGIKIRWA MU BUTUMWA BWABO

6. Bana bacu, Kiliziya yishimiye ko mu butumwa bwanyu mutari mwenyine. Hari ababatanze kuba intumwa muri Kiliziya muhamagariwe kureberaho. Abo ni ababyeyi banyu, bakuru banyu mu miryango muvukamo, abarezi banyu mu mashuri, abihayimana, abakateshisite, abayobozi b'amatsinda anyuranye muri Kiliziya. Turabasaba ko mwa-menya kubigiraho ibyiza bifitemo. Nk'uko umwana Samweli yabwirijwe n'umuherezabitambo Heri kumenya ijwi ry'Imana, namwe mumenye kwitabaza abakuru kugira ngo musobanukirwe n'icyo Imana ibashakaho (Reba 1Sam 3). Nk'uko umwana Yezu yemeye kurererwa mu muryango, namwe mwishimire kuba mu miryango muvukamo. Mukure muzi kugisha inama ababitaho muri Kiliziya bizabarinda kwibasirwa n'abanyangeso mbi bashobora kwangiza ubuzima bwanyu babitewe n'imico mibi igenda yamamazwa n'abanzi ba Kristu na Kiliziya ye. Mwirinde ababashukisha ibintu n'ibyishimo by'akanya gato bigamije kubangiririza ubuzima. Kumvira ababifuriza ibyiza bishingiye ku ndangagaciro z'Ivanjili bizabarinda kugwa mu ngeso mbi zose nk'ubusambo, ubusambanyi, ubunebwe, umwanda, kubeshya, gutukana, gusuzugura, gukererwa, guta ishuri n'ibindi bibi byose.

Nimuharanire kumvira ababatoza kuba abahamya b'ibyiza dukesha Roho Mutagatifu nk'uko Pawulo Mutagatifu abivuga: «Naho imbuto ya Roho ni urukundo: ibyishimo, amahoro, kwihangana, ubugwaneza, ubuntu, ubudahemuka, imico myiza, kumenya kwifata (….). Aba Kristu Yezu babambye ku musaraba umubiri wabo n'ingeso mbi ndetse n'irari. Niba tubeshejweho na Roho, nituyoborwe na Roho » (Gal 5, 22-25).

7. Babyeyi, basaseridoti, bihayimana, barezi namwe mwese mugira uruhare mu burere bw'abana, turabakangurira kubafasha gusobanu-kirwa hakiri kare umuhamagaro wabo. Mwirinde guhutaza abana mubahatira ibitajyanye n'icyo Imana ibashakaho. Ababyeyi babangamira abana bifuza gusabana n'abandi mu bikorwa by'urukundo n'ineza bikorerwa muri Kiliziya bakwiye kwisubiraho. Abantu bakuru bashora abana mu bikorwa by'urukozasoni nabo nibamaganwe! Abarezi mu mashuri batigisha neza abana nabo basabwe kwisubiraho.

Inzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta ziharanire ko ibikenewe ngo abana barerwe neza kandi bagire ubuzima buzira umuze biboneka. Abana bo mu miryango ikennye n'indi ifite ibibazo byihariye bagenerwe gahunda zihariye zo kubafasha kubaho banezerewe nk'abandi. Abantu bose bafite aho bahurira n'abana barasabwa kurangwa n'ubunyangamugayo bubafasha gukura babona ko icyiza

gishoboka. Nk'uko Yezu yigiye imico myiza ku babyeyi be, twese duharanire ko abana babona ingero nziza z'ababyeyi n'abo babana.

UMWANZURO

8. Bana dukunda, umunsi mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa ryanyu muri uyu mwaka ubafashe kurushaho kuzirikana uruhare rwanyu mu butumwa bwa Kiliziya; mwumve ko Yezu ubakunda ahora yifuza ko mwamubera abahamya guhera mu buto bwanyu nk'uko hari ababayeho mbere yanyu babishoboye. Kugira ngo mushobore kubigeraho, turabashishikariza gukurikiza inama n'izindi ngero nziza muhabwa n'abashinzwe kubitaho haba ari mu ngo mukomokamo, muri Kiliziya, mu mashuri n'ahandi mushobora gufashirizwa.

9. Bana bacu, kuri uyu munsi mpuzamahanga wahariwe Iyogezabutumwa ry'abana, turabasaba kwitegura neza kwa kwezi k'Ukwakira 2019 kuzaba ukwezi kudasanzwe kwahariwe Iyogezabutumwa. Mubyitegure murangwa no kumva neza umuhamagaro mufite wo kuba abogezabutumwa ba Kristu, muharanira ko ingoma Ye yogera hose. Ibyo musabwe kubikora mwifatanya n'abandi bana b'isi yose mu isengesho ndetse mugira n'icyo mwigomwa ku byo mutunze muhabwa n'ababyeyi n'abandi barezi banyu kugira ngo mushyigikire ikigega cya Papa kibereyeho gutoza abana bose kumufasha kugoboka abana bo muri za kiliziya zigifite ibibazo by'ubukene n'izo mu gihugu cyacu zirimo.Turasaba ababyeyi hamwe n'abandi abantu b'umutima ukunda kubashyigikira muri ibyo bikorwa byose.

Bana dukunda, dushoje tubaragiza Bikira Mariya, umubyeyi wa Yezu n'uwacu.

Nakomeze abatakambire mwe n'ababitaho bityo mushobore kubera Imana abahamya.

Imana ibahe umugisha.

Bikorewe i Kigali, ku wa 19 Mutarama 2019.

+ Anaclet MWUMVANEZA
Umwepiskopi wa NYUNDO,
akaba na Perezida wa Komisiyo
y'Abepiskopi ishinzwe Iyogezabutumwa